RDRC

# ABADAHIGWA B'AMAHORO

Ukwakira 2021

IKINYAMAKURU CYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO GUSEZERERA NO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARI ABASIRIKARI



## Abagenerwabikorwa 246 ba RDRC basoje amasomo y'imyuga banahabwa ibikoresho

# Ibirimo

**Ijambo ry'ibanze**...........................P. 2

RDRC ikomeje gutanga umusanzu mu kubumbatira umutekano n'amahoro .....................................P. 3

Abagenerwabikorwa 246 ba RDRC basoje amasomo y'imyuga banahabwa ibikoresho........................................P.5

RDRC yakiriye abarimu bazigisha ubumenyingiro mu ishuri rya Mutobo TVET...........................................................................................P.7

Rtd. Sergeant Ndagijimana wahoze muri FDLR yashyikirijwe inzu yubakiwe na RDRC........................P.8

Ishimwe rya Mukandori Emerence ku bufasha yahawe na RDRC.....................................................................P.9

Abana bafashwa na RDRC biteguye kugera ku nzozi zabo..............................................P.10

# Ijambo ry'Ibanze

## Basomyi b'ikinyamakuru cyacu "ABADAHIGWA B'AMAHORO",

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC) ikomeje kwita ku mibereho myiza y'abagenerwabikorwa bayo, ibashakira inkunga zitandukanye zibafasha mu buzima bwabo bwa buri munsi.

RDRC ifatanyije n'abafatanyabikorwa bayo bakaba bita cyane cyane ku bafite intege nke, aha twavuga nk'abageze mu zabukuru, abana ndetse n'abamugariye ku rugamba. Aba bashakirwa ibyangombwa byose bibafasha kugira ubuzima bwiza. Abafite uburwayi baravuzwa, abamugariye ku rugamba bashakirwa inyunganirangingo n'insimburangingo, ndetse abagize ibibazo by'ihungabana nabo bahabwa ubufasha bwose bakeneye.

Mu nkunga twavuze abaganerwabikorwa bacu bagenerwa, harimo n'amafaranga abafasha cyane cyane gutangiza imishinga y'iterambere mu buzima busanzwe baba basubijwemo. Benshi muri bo ubu bamaze kuyabyaza umusaruro aho usanga baragiye bakibumbira mu makoperative, bityo babasha guteza imbere imiryango yabo n'igihugu muri rusange.

Hari amahirwe menshi abahoze ari abasirikare bagomba kubyaza umusaruro. Urugero twabaha ni abahoze ari abasirikare basubijwe mu buzima busanzwe maze bibumbira mu makoperative acunga umutekano. Ibi babikora neza cyane kuko basanzwe bafite ubumenyi n'ubunararibonye mu bijyanye no gucunga umutekano, kandi basanganwe ubwitonzi n'ubushishozi bakuye mu kazi bakoze ka gisirikare.

Si ugucunga umutekano gusa, kuko ku bufatanye na Leta y'u Rwanda, abasezererwa mu gisikare babanza kwigishwa imyuga itandukanye ibafasha kwiteza imbere mu gihe baba basubijwe mu buzima busanzwe.

Ubu ni n'amahire kuko mu minsi mike ishize, Minisiteri y'Uburezi ibinyujije mu mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Amashuri y'Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB), yahaye ishuri rya RDRC ryigisha ubumenyingiro riri i Mutobo (Mutobo TVET), abarimu bazafasha abagenerwabikorwa bacu kwiga imyuga itandukanye izabafasha mu kuzamura imibereho yabo.
Iri shuri ntirizagarukira gusa ku bari abasirikare kuko riri kubakirwa ubushobozi, ku buryo mu minsi iri imbere rizaba riri ku rwego mpuzamahanga ribasha no kwakira abanyamahanga bazifuza kuryigamo. Murumva rero ko naryo rizaza ari igisubizo mu gushakira imibereho myiza abahoze mu gisirikare.

Hagati aho ariko, abagenerwabikorwa bacu basanzwe biga imyuga mu mashuri yigisha ubumenyingiro atandukanye akorana na RDRC kandi abayarangijemo bahabwa ibikoresho by'ibanze bibafasha guhita bajya ku isoko ry'umurimo nta gukererwa.

Tukiri aha, twababwira ko abahoze mu gisirikare, ndetse n'abagize imiryango yabo usanga biga imyuga itandukanye bihitiyemo irimo gusudira, ubukanishi, ubwubatsi, ububaji, ubudozi, guteka, gusuka imisatsi, ishoramari, ubuhinzi n'ubworozi n'indi myinshi.

Igishimishije nuko abarangiza amasomo yabo y'imyuga bagenda bakibumbira mu makoperative bagatangira gushyira mu bikorwa ibyo bize, kandi byabateje imbere ku buryo bufatika. Ubasanga mu buhinzi n'ubworozi bwa kijyambre, mu bucuruzi n'inganda ziciriritse, mu bukorikori, n'ahandi, kandi noneho ibyo bakora babikora kinyamwuga.

Mu buhamya bo ubwabo batanga harimo iterambere ry'imiryango yabo bamaze kugeraho. Benshi biyubakiye amazu yo kubamo, batunze imiryango yabo, abandi baguze ibinyabiziga, babasha kurihira ubwisungane mu kwivuza abagize imiryango yabo, tutibagiwe no kurihira amashuri abana babo.

Intambwe yatewe na RDRC mu gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare irashimishije, ariko kandi haracyari byinshi byo gukorwa, cyane ko hari Abanyarwanda benshi bakiri mu mitwe yitwaje intwaro iyo mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Aba nabo twabashishikariza gutaha, kuko igihugu cyabo kiteguye kubakira na yombi, kandi ko ibizabafasha gusubira mu buzima busanzwe byose byateguwe. Nimuze mureke gutakaza umwanya mwakagombye kuba mubyaza umusaruro, maze twese hamwe dufatanyije, twubake iterambere rirambye ry'igihugu cyacu.

# RDRC IKOMEJE GUTANGA UMUSANZU MU KUBUMBATIRA UMUTEKANO N'AMAHORO

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC) ikomeje gutanga umusanzu wayo mu kubumbatira umutekano n'amahoro arambye muri aka Karere u Rwanda ruherereyemo nk'imwe mu nshingano nkuru yahawe kuva igishingwa mu 1997.

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie agaragaza ko inshingano nyamukuru zahawe RDRC ari ebyiri. Harimo gushyigikira ubumwe n'ubwiyunge, no kubumbatira umutekano n'amahoro arambye.

Yagize ati: "Intego nyamukuru ya RDRC ni ugushyigikira ubumwe n'ubwiyunge. Ni ngombwa ko abasubizwa mu buzima busanzwe, by'umwihariko abava mu mitwe yitwaje intwaro bubahiriza ihame ry'ubumwe n'ubwiyunge hagati yabo ubwabo, no hagati yabo n'abo basanze mu muryango nyarwanda."

Madamu Nyirahabineza Valerie yakomeje agaragaza ko inshingano ya kabiri yahawe RDRC ari ukugira uruhare mu kugarura umutekano mu karere k'ibiyaga bigari muri rusage no mu Rwanda by'umwihariko.

Aha, RDRC ikaba ifite akazi ka buri munsi ko gukangurira abari mu mitwe yitwaje intwaro bahungabanya umutekano muri aka karere gutahuka, kubakira neza no kubasubiza mu buzima busanzwe, ariko kandi bakabafasha kongera kuba Abanyarwanda bazima bafite indangagaciro z'Ubunyarwanda.

RDRC kandi ifite gahunda yo kwita ku bana binjijwe mu mitwe yitwaje intwaro bakiri bato. Abo bana nabo barakirwa bagashyirwa mu kigo cyabo kugira ngo babashe kwitawaho by'umwihariko. Nabo bahabwa inyigisho nziza zigenewe abana, zirimo uburere mboneragihugu, gusoma no kwandika, imyuga n'ibindi.

Yakomeje asaba abarwanyi bakiri muri Congo kureka gukomeza kwangiza abana babinjiza mu mitwe yitwaje intwaro, kuko nabyo biri mu bituma amahoro n'umutekano bitagerwaho muri aka karere u Rwanda ruhererereyemo.

Yakomeje agira ati : "Abo bana nimureke kubakoresha imirimo ivunanye, nko



Madamu Nyirahabineza Valerie, Umuyobozi Mukuru wa RDRC

kubakorera intwaro ngo bazigemurire abari kurwana, cyangwa kubatuma kuneka, cyangwa se kubashora mu bindi bikorwa bibi bituma amahoro n'umutekano bitagerwaho. Nimusigeho!".

Madamu Nyirahabineza Valerie yasabye kandi abarwanyi bari muri ayo mashyamba, gushyira intwaro hasi bagataha ku neza, bityo bakareka guhungabanya umutekano, kandi ko RDRC yiteguye kubakira, ndetse ko igihugu cyashatse ibyangombwa byose ngo bigishwe kandi basubizwe mu buzima busanzwe.

Yasabye kandi buri Munyarwanda wese muri rusange gushyiraho ake kugira ngo igihugu cyacu gikomeze gutemba amata n'ubuki.

Madamu Nyirahabineza Valerie yagaragaje ko kugeza ubu RDRC imaze kugera kuri byinshi birimo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bagera ku 70.062. Muri aba bose harimo Ex FAR 12.969 bamaze gusezererwa, abaturutse mu yindi mitwe mu mashyamba ya Congo hamaze gusezererwa 11.725, mu gihe abahoze muri RPA hasezerewe 45.368.

**Abagenerwabikorwa ba RDRC nabo bagaragaje uruhare rwabo mu kubumbatira amahoro n'umutekano**

Abagenerwabikorwa ba RDRC nabo bakomeje gutanga umusanzu wabo mu kubumbatira amahoro arambye mu Rwanda by'umwihariko, no mu karere k'ibiyaga bigari muri rusange.

Bamwe mu basubijwe mu buzima busanzwe harimo n'abahoze bahungabanya umutekano muri aka karere, ubu ubasanga mu makoperative atandukanye acunga umutekano w'abantu n'ibintu byabo, abandi ubasanga mu marondo y'umwuga, aho bifashisha ubumenyi bahawe n'ubunararibonye bakuye mu kazi ka gisirikare bakoze bubaka igihugu.

Si abahoze ari abasirikare bagira uruhare mu kwimakaza amahoro gusa, kuko hari n'abagize imiryango yabo nabo bafashwa na RDRC bagaragaza umuhate mu gukangurira abakiri mu mashyamba ya Congo gutaha bityo bakareka guta umwanya mu bikorwa bihungabanya umutekano.

Aba bagenerwabikorwa kandi usanga baramaze gucengerwa n'ihame ry'ubumwe n'ubwiyunge, gukunda igihugu n'umurimo nkuko babitojwe na RDRC.

Rtd. Warrant Officer I Mutaganzwa Wilson ni umwe mu banyamuryango ba Koperative y'Inkeragutabara icunga umutekano w'abantu n'ibintu TSC Mukarange, ikorera mu Murenge wa Mukarange, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba.

Rtd. Warrant Officer I Mutaganzwa



Bamwe mu banyamuryango ba Koperative TSC icunga umutekano mu Karere ka Kayonza

Wilson avuga ko bamaze gusezererwa mu gisirikare bicaye hamwe mu mwaka wa 2008, batangiza igikorwa cyo gucunga umutekano mu Mujyi wa Kayonza.

Icyo gihe, koperative TSC yatangiranye n'abanyamuryango 30, nyuma bakomeza kwiyongera aho kugeza ubu bageze ku banyamuryango 97 baturutse mu gisirikare cya RDF n'abavuye mu yindi mitwe yitwaje intwaro, hirya no hino mu mashyamba ya Congo.

Yakomeje avuga ko bishimira kuba bakomeje kugira uruhare mu kubumbatira amahoro n'umutekano. Yagize ati "tubanye neza nk'abanyamuryango ba koperative TSC kandi duhuza imbaraga n'ibitekerezo bigamije kunoza akazi kacu ko gucunga umutekano, yewe n'abo bakiri mu mashyamba ya Congo iyo bumvise ibyo tugezeho baraza tukabakira. Urumva ko uruhare rwacu mu kugarura amahoro aambye ari ntagereranywa."

Corporal (Rtd.) Iranzi JMV w'imyaka 23 ni umwe mu bana bari gutozwa mu kigo cya RDRC kiri Mutobo RDRC wavukiye muri Congo, ababyeyi be bakamubwira ko bakomoka mu Karere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo.

Corporal (Rtd.) Iranzi JMV winjijwe mu gisirikare ku ngufu mu 2018 afite imyaka 20, avuga ko nyuma yo gutaha mu gihugu cye yatangiye gutanga umusanzu we mu kubumbatira ibyagezweho no kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside abinyujije mu gushishikariza abagifite imyumvire mibi kuyireka bakaba abaturage beza, ndetse abagihungabanya umutekano mu mashyamba ya Congo nabo akaba abasaba gutaha bagafatanya n'abandi kubaka igihugu.
Corporal (Rtd.) Iranzi JMV yagize ati: "Mu by'ukuri urubyiruko nirwo rwakoreshejwe mu gusenya igihugu ariko kandi ni narwo rugomba gufata iya mbere mu kucyubaka. Nkatwe twagize amahirwe yo gutaha mu gihugu cyacu tukamenya ukuri, twiyemeje gutanga umusanzu wacu mu kubaka amahoro arambye.



Corporal (Rtd.) Iranzi JMV yiyemeje kugira uruhare mu gukangurira abagihungabanya umutekano bakiri mu mashyamba ya Congo gutaha

Twavukiye mu mashyamba tubibwamo amacakubiri tukiri bato, ari ko ubu tumaze kumenya aho ukuri kuri, turasaba rero ababyeyi bacu kureka amacakubiri, ahubwo bahinduke badufashe kubaka igihugu, buri Munyarwanda wese yibonamo".

Ayinkamiye Beatha washakanye na Rtd. Lt. Misago Jean de Dieu wahoze muri FDLR bagatahuka mu Rwanda ku wa 21 Ukuboza 2018 (mu cyiciro cya 65 ) nyuma yo kuva mu mashyamba ya Congo nawe yagaragaje uruhare rw'abagize imiryango y'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro mu kwimakaza amahoro arambye.

Uyu mugore w'imyaka 56 avuga ko by'umwihariko bamwe mu bagore bashakanye n'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro bafata iya mbere mu gushishikariza abagabo babo n'abana babo gushyira intwaro hasi bagataha kuko usanga akenshi ukuri baba bakuzi ahubwo bakakwirengagiza.

Yasoje agaragaza ko na nyuma yo gutaha mu Rwanda bakomeza gukoresha inzira zitandukanye bashishikariza abasigaye muri ayo mashyamba kwihutira gutaha mu gihugu cyabo kuko gifite amahoro, umutekano n'iterambere rirambye.

# ABAGENERWABIKORWA 246 BA RDRC BASOJE AMASOMO Y'IMYUGA BANAHABWA IBIKORESHO

Ku wa 1 Ukwakira 2021 mu kigo cyigisha ubumenyingiro cya IPRC Huye giherereye mu Karere ka Huye, Intara y'Amajyepfo,habereye umuhango wo gusoza ku mugaragaro ku rwego rw'igihugu amasomo y'imyuga yahawe abagenerwabikorwa 246 ba Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC, ) basezerewe mu cyiciro cya 65, ndetse banahabwa ibikoresho bizabafasha kwihangira imirimo.



Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, ashyikiriza imashini idoda umugenerwabikorwa wa RDRC urangije amasomo ye mu mwuga w'ubudozi

Abanyeshuri basoje amasomo yabo bagizwe n'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro, ndetse na bamwe mu bagize imiryango yabo, ahanini bakaba baraturutse ahitwa Walikare, Kanyabayonga, Walungu na Kisangani ho muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Aba bagenerwabikorwa ba RDRC 246 barimo abagore n'abakobwa 102, bakaba barashyikirijwe impamyabumenyi nyuma yo kumara amezi 6 biga imyuga mu bigo bitandukanye byigisha ubumenyingiro.

Mu myuga bize harimo gusudira, ubudozi, ububaji, ubuhinzi n'ubworozi, ishoramali, gusuka imisatsi, ndetse n'umwuga wo guteka.

Muri uyu muhango waberaga muro IPRC Huye, wari urimo abanyeshuri 60 bari bahagarariye bagenzi babo bose ku rwego rw'igihugu Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Sebutege Ange, yashimye cyane RDRC kuba yaratekereje kwigisha imyuga abatahuka bava mu mashyamba mbere yuko basubizwa mu buzima busanzwe, kuko izabafasha kwiteza imbere nk'abandi baturage bazasanga mu muryango nyarwanda, anabizeza ubufatanye mu kuzashyira mu bikorwa imyuga bize.



Umuyobozi Mukuru w'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye akorera mu Rwanda, Fode Ndiaye ashyikiriza ibikoresho umwe mu barangije kwiga umwuga w'ubukanishi

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, yagaragaje ko igikorwa cyo kwigisha abagenerwabikorwa ba RDRC ubumenyingiro kigamije kubafasha kwihangira imirimo nyuma yo gusubizwa mu buzima busanzwe.

Yagize ati : "Iki gikorwa kigamije kubafasha kujya ku isoko ry'umurimo, kugira ngo nimusubira mu muryango muzabashe gushaka akazi, muteze imbere imiryango yanyu, n'igihugu muri rusange".

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie yakomeje agaragaza ko bamwe mu barangije amasomo yabo harimo abavuye mu mashyamba ya Congo bamaze imyaka 4 bafungiwe mu nkambi n'igisirikare cya Leta ya Congo, ariko nyuma yaho mu mwaka wa 2018 bakaza gutaha mu Rwanda.

Yagaragaje ko bakigera mu Rwanda Leta y'u Rwanda yabakiranye urugwiro, abari abasirikare bajyanwa mu kigo cya Mutobo kugira ngo bahugurwe, naho abagize imiryango yabo nabo bajyanwa mu kigo cya Nyanza n'icya Nyarushishi kiri mu Karere ka Rusizi.

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie yagaragaje kandi ko muri rusange RDRC imaze kwigisha imyuga abagenerwabikorwa bayo basaga 18,000 barimo abari abasirikare, ariko kandi harimo n'abagize imiryango yabo, ni ukuvuga abagore n'abana babo.

Aha, yaboneyeho umwanya wo gushimira abagore bagaragaje ubutwari bwo gusiga imirimo yabo ya buri munsi bakajya kwiga imyuga kugira ngo bazabashe kwihangira imirimo maze bateze imiryango yabo imbere.

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, yagaragaje kandi ko usibye kwishyurirwa amashuri y'imyuga, abagenerwabikorwa ba




Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Nyirarukundo Ignatienne, ashyikiriza ibikoresho umwe mu bagenerwabikorwa ba RDRC wize umwuga w'ubukanishi

RDRC banahabwa ibikoresho by'ibanze bijyanye n'ibyo bize.

Yagize ati: "Impamvu babihabwa ni ukugira ngo batazava mu mashuri bavuge ngo babuze ibikoresho. Tubaha rero ibyo bikoresho by'ibanze, kandi nabo bazagenda nibamara kugera ku isoko ry'umurimo bigurire ibindi bakeneye."

Umuyobozi Mukuru w'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye akorera mu Rwanda, ari nayo yateye inkunga iki gikorwa, Fode Ndiaye, yashimye cyane ibikorwa RDRC imaze kugeraho mu gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare cyane cyane abahoze mu mitwe yitwaje intwaro ikorera mu mashyamba ya Congo, kuko byatanze umusanzu ukomeye mu kugarura amahoro muri aka karere kose u Rwanda ruherereyemo.

Yakomeje abwira abasoje amasomo y'imyuga ko ari intambwe ya mbere bateye izabageza ku iterambere ryabo. Fode Ndiaye, yagize ati: "Iyi ntambwe rero niko gaciro kanyu. Ubumenyi mwahawe buzatuma mugera ku ntego zanyu. Maze muteze imbere imiryango yanyu, munateze imbere igihugu muri rusange".

Fode Ndiaye, yashimye kandi abafatanyabikorwa ba RDRC; barimo Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere ry'Abagore (UNWOMEN) ku nkunga batahwemye gutera Leta y'u Rwanda by'umwihariko gahunda yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.
Yasoje agaragaza ko Ikigega cy'Umuryango w'Abibumbye Kigamije Kubaka Amahoro kizakomeza gutera inkunga ibikorwa bigamije kubaka amahoro arambye, haba mu Rwanda ndetse no mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Nyirarukundo Ignatienne, (ubu akaba ari Umujyanama muri Primature ushinzwe imibereho myiza) nawe yatanze ubutumwa ku barangije amasomo yabo y'imyuga, abasaba kugenda bagakora cyane kuko hari umwanya batakaje iyo mu mashyamba ya Congo.

Yagize ati: "Mugende mwifashishe ubumenyi mwahawe, kuko iyo ukora ibyo uzi bitanga umusaruro vuba kandi mwinshi. Mugende mwite ku iterambere ry'imiryango yanyu, n'iry'igihugu muri rusange".

Nyirarukundo Ignatienne, yakomeje kandi abasaba gushishikariza bagenzi babo bakiri mu mashyamba ya Congo gutahuka bakaza gufatanya n'abandi kubaka igihugu.

Yabasabye kandi kuzagenda bakibumbira mu makoperative, bityo babashe guhuza imbaraga n'abandi, maze iterambere ryabo rirusheho kwihuta.

Nyirarukundo Ignatienne, yagaragaje ko abize imyuga mu byiciro byabanje ubu bageze kure biteza imbere, ati :"Abenshi ubu barakora kandi neza. Ni abantu ubona bajijutse, bibumbiye mu makoperative, barahinga, barorora, baracuruza. Ni abantu bashishikariye umurimo kandi babayeho neza".

**Abarangije amasomo y'imyuga nabo bagaragaje akabari ku mutima**

Uwari uhagarariye abasoje amasomo yabo witwa Rtd. Sergeant Major Mbarushimana Moïse wahoze muri FDLR Foca ufite imyaka 46 akaba akomoka mu Murenge wa Mbazi, Akarere ka Huye, yashimiye cyane Leta y'u Rwanda yabacyuye bakakiranwa yombi mu gihugu cyabo, agaragaza ko bahawe ibyo bakeneye byose, kandi babayeho mu mutekano usesuye.

Aha kandi yashimye cyane RDRC yabatekerejeho nyuma yo kubona ko basigaye inyuma mu iterambere, maze ibashakira amashuri y'imyuga ku bato n'abakuru, kandi buri wese yihitiramo umwuga ashaka.

Rtd. Sergeant Major Mbarushimana Moïse yagaragaje ko RDRC yabahaye ibyo bakeneye byose byatumye biga neza amasomo yabo. Yagize ati: "Ubumenyi dukuye hano ni ubw'agaciro. Ubu tuzi kubaka, gusudira, kuboha, kudoda, kwihangira imirimo n'ibindi".

Yakomeje agaragaza ko nibagera iwabo bazihutira kwibumbira mu makoperative, kandi ko biteguye kujya ku isoko ry'umurimo bagakora bakiteza imbere dore ko banahawe n'ibikoresho by'ibanze bizabafasha mu kazi kabo.

Rtd. Sergeant Sibomana Léon wavutse mu 1972 utuye mu Murenge wa Mbazi, Akarere ka Huye, nawe yagaragaje ibyishimo yatewe no kwiga umwuga wo gusudira. Agaragaza ko we yatahutse mu cyiciro cya 65, mu 2018 agasanga yarasigaye inyuma mu iterambere, ariko ko umwuga arangije kwiga ugiye kumufasha kwihuta mu iterambere.

Yagize ati :"Ubu ndangije kwiga umwuga wo gusudira. Ubumenyi mvanye aha ngiye kubujyana ku isoko ry'umurimo, maze nkore ntikoresheje kandi mfite intego yo kwiteza imbere nkagera ku rwego rushimishije. Aya ni amahirwe akomeye twahawe na Leta yacu idukunda".

Aha kandi Rtd. Sergeant Sibomana Léon yanaboneyeho umwanya wo gushishikariza Abanyarwanda bakiri mu mashyamba ya Congo gutahuka bakaza gufatanya n'abandi kubaka igihugu cyabo, cyane ko yasanze gitekanye kandi giteye imbere.

Rtd. Sergeant Sibomana Léon yagaragaje ko ahanini ababuza Abanyarwanda gutaha ari abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, baba bifuza ko batasigara bonyine iyo mu mashyamba, bigatuma bahimba ibihuha bidafite agaciro ku Rwanda, bagamije kubafata bugwate dore ko ari nabo ahanini bifashisha babakoresha imirimo ivunanye ku nyungu zabo bwite.

# RDRC YAKIRIYE ABARIMU BAZIGISHA UBUMENYINGIRO MU ISHURI RYA MUTOBO TVET

Ku wa 11 Ukwakira 2021, mu kigo cya Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare kiri i Mutobo, mu Karere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, habereye umuhango wo kwakira abarimu bashya bazigisha imyuga mu Ishuri ry'Ubumenyingiro rya RDRC.

Abitabiriye ibi birori barimo Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, n'Abakomiseri muri RDRC, bahaye ikaze abarimu bashya batanzwe na Minisiteri y'Uburezi ibinyujije mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Amashuri y'Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB), ariko kandi banashimira ndetse banasezerera abari basanzwe bigisha amasomo atandukanye y'imyuga muri iki kigo.

Komiseri muri RDRC Fred Nyamurangwa yagaragaje ko bashimira cyane Leta y'u Rwanda ibinyujije muri Mineduc, yahaye RDRC abarimu bihutirwaga cyane kugira ngo babashe guhugura Abanyarwanda baturuka mu mashyamba ya Congo, kugira ngo bazatahe nibura bafite umwuga uzababeshaho ejo habo hakaba heza, bo n'imiryango yabo.

Aba barimu bacyuye igihe bashimiwe kandi ubwitange bagaragaje bigisha imyuga abagenerwabikorwa ba RDRC mu bihe bitari bisanzwe, cyane ko bagiye bahura n'imbogamizi zitandukanye nk'abantu batangiranye na gahunda nshya yo kwigisha imyuga abahoze mu gisirikare.

Komiseri Nyamurangwa yagaragaje ko kugeza ubu ibyihutirwaga byarangiye kandi ko hari gahunda yo guha ubushobozi iri shuri ku buryo mu minsi iri imbere rizaba ritanga ubumenyingiro ku rwego mpuzamahanga.

Yasabye kandi abarimu bashya kuzakomeza imirimo myiza bagenzi babo bacyuye igihe bakoze, bahugura Abanyarwanda batari bafite ibyiringiro byo kuzabona akazi ejo hazaza, kandi bakabumbatira gahunda nziza y'ubumwe bw'Abanyarwanda.

Komiseri Mutarambirwa Elie nawe yagaragaje ubwitange abarimu bacyuye igihe bagize cyane ko mbere bari bamenyereye kwigisha abakiri bato mu mashuri meza, ariko bagera i Mutobo bagahabwa kwigisha abantu bakuze, kandi abenshi muri bo batazi gusoma no kwandika.




Ifoto y'urwibutso y'abayobozi ba RDRC n'abarimu bashya bakiriwe mu ishuri rya Mutobo TVET

Ibi ariko ntibyababaciye intege ahubwo babateze amatwi bumva ibibazo byabo maze bafatanya kubikemura, kandi babigisha imyuga itandukanye nk'uko byari biteganyijwe.

Komiseri David Munyurangabo nawe yagaragaje ko RDRC yifuza ko amasomo ahabwa abagenerwabikorwa bayo yazabagirira akamaro mu buzima bwabo buri imbere, bityo asaba abakiri mu mashyamba ya Congo gutahuka nabo bakagerwaho n'ibyiza igihugu cyabo kibategurira.

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, yagaragaje ko RDRC idahwema gushakisha icyateza imbere imibereho myiza y'abagenerwabikorwa bayo, akaba ari nayo mpamvu yatekereje gushyiraho ishuri ryigisha ubumenyingiro buzabafasha kwihangira imirimo.

Nyirahabineza Valerie nawe yashimye abarimu bacyuye igihe ku kazi keza bakoze ko kwigisha abagenerwabikorwa ba RDRC. Yagize ati "Mwarakoze cyane. Mwaje mu gihe kitameze neza, mu gihe cya Covid-19. Mwaje mugiye gutangira ibiruhuko murabyigomwa, mukorera igihugu, muza gutanga umusanzu ahangaha. Turabibashimira cyane".

Ku barimu bashya, Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, yabijeje ko RDRC izakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo akazi kabo kazagende neza, maze nabo abasaba kuzakorana umurava kugira ngo ishuri rya Mutobo rizabe icyitegererezo.

Yavuze ko mu bikenewe biri gukorwa harimo inyubako nziza zigezweho ziri kubakwa, ndetse ko ku bufatanye na Minisiteri y'Uburezi, RDRC iri gushakisha ibikoresho bikenewe, kandi ko mu minsi ya vuba iri shuri ritazaba ryakira gusa abagenerwabikorwa ba RDRC, ko ahubwo rizajya ryakira n'abanyamahanga bashaka kuhiga.

Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Madamu Nyirahabineza Valerie, yagaragaje kandi ko ubumenyingiro ari ikintu gikomeye mu iterambere ry'igihugu, akaba ari nayo mpamvu Leta y'u Rwanda yashyize ingufu mu mashuri yigisha imyuga n'ubumenyingiro, kuko afasha abayize kwihangira imirimo, bityo bakabasha kugira uruhare mu iterambere ryabo, n'iry'igihugu muri rusange.

Yagaragaje kandi ko abagenerwabikorwa ba RDRC bagishijwe imyuga biteguye kuzashyira mu bikorwa ibyo bize nibamara gusubizwa mu buzima busanzwe, kandi ko bahawe amahugurwa y'uko bazagenda bakibumbira mu makoperative, bityo bakabasha kwihuta mu iterambere.

Umuyobozi w'Ikigo cya Mutobo, Majoro Rutagengwa Samuel, avuga ko imyuga ari kimwe mu bifasha kuzamura imibereho myiza y'abasubizwa mu buzima busanzwe

Majoro Rutagengwa Samuel yagaragaje ko abahugurirwa i Mutobo iyo barangije kwiga imyuga, bahabwa na RDRC ibikoresho by'ibanze bibafasha gutangira gushyira mu bikorwa imyuga itandukanye bize.

# RTD. SERGEANT NDAGIJIMANA WAHOZE MURI FDLR YASHYIKIRIJWE INZU YUBAKIWE NA RDRC

Umuryango wa Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari utuye mu Mudugudu wa Ndora, Akagari ka Gisagara, Umurenge wa Ndora, Akarere ka Gisagara uratangaza ko wishimiye cyane inzu nziza yo kubamo wubakiwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC), maze akayishyikirizwa ku mugaragaro ku wa 1 Ukwakira 2018.



Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari abana n'ubumuga bwo kutabona amaranye imyaka 22

Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari w'imyaka 46 ubana n'ubumuga bwo kutabona nyuma yo gukomerekera ku rugamba mu mashyamba ya Congo mu 1999, avuga ko yagiye muri Congo muri Kamena 1994 nyuma yo gutsindwa urugamba kwa Leta yariho icyo gihe, maze aza gutahuka mu Rwanda mu 2018, nyuma y'imyaka 24 yose aba mu mashyamba.

Mu mashyamba ya Congo, Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari avuga ko yari abayeho mu buzima bugoye cyane, hakwiyongeraho n'ubumuga bwo kutabona bikamubera ihurizo. Yagize ati "Muri Congo nari mbayeho nabi cyane, mu bukene bukomeye. Natekerezaga gutaha bikanyobera, ndetse hari ubwo nanicaraga nkiheba nkifuza gupfa aho kuza mu Rwanda kubera umutwaro umuryango wanjye nawo utishoboye".

Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari agaragaza ko gufata umwanzuro wo gutaha mu Rwanda byamunaniye, gusa kubw'amahirwe yaje gufatwa ku ngufu n'igisirikare cya Leta ya Congo maze yoherezwa mu Rwanda atyo. Yagize ati "gufatwa ku ngufu na Leta ya Congo byambereye umugisha kuri njye, kuko iyo bitaza kuba gutyo, sinari gutahuka." Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari avuga ko akigera mu Rwanda yabaye nk'ubonekewe kuko yakiranwe urugwiro, ahabwa ibyo akeneye byose, atangira no gusindagizwa nk'ufite ubumuga bwo kutabona, nyuma yoherezwa i Mutobo aho yamaze amezi 6 ahugurwa mbere y'uko asubizwa mu muryango we.

Mu gihe yamaze i Mutobo avuga ko yahawe ibyo akeneye byose yumva araruhutse, araganirizwa, atangira atyo ubuzima bwiza. Gusa ageze iwabo mu muryango yasanganiwe n'ubukene dore ko ngo n'agasambu yahawe na se katarengeje metero kare 30.

Gusa ubuzima bwarakomeje abaho atagira aho kuba, abeshejweho n'abavandimwe be n'inkunga yagenerwaga na RDRC.

Yagize ati "nyuma nagiye kumva numva ngo RDRC igiye kunyubakira inzu, byaranshimishije cyane, kumva ngo umuntu nkanjye ngiye gutura ahantu heza hisanzuye. Barayubatse none barayimpaye. Ndabashimira cyane".
Iyi nzu Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari yayishyikirijwe ku mugaragaro n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Nyirarukundo Ignatienne (ubu ni umujyanama muri Primature ushinzwe imibereho myiza) ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru wa RDRC Madamu Nyirahabineza Valerie ndetse n'Umuyobozi Mukuru w'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye akorera mu Rwanda, Fode Ndiaye,

Muri iki gikorwa, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Nyirarukundo Ignatienne (ubu ni umujyanama muri Primature ushinzwe imibereho myiza), yashimye cyane RDRC yatekereje kubakira uyu muryango inzu yo kubamo kuko wari ubayeho nabi cyane, maze nawo awusaba kuzayifata neza birinda kuyangiza.

Iyi nzu umuryango wa Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari wubakiwe irimo ibyangombwa byose bikenerwa nk'ibikoresho byo mu nzu, amazi n'amashanyarazi, kandi banubakiwe igikoni kigezweho bazajya bifashisha mu gutegura amafunguro.

Umugore wa Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari witwa Manirareba Donatha nawe yagaragaje ibyishimo yatewe no kubona iyi nzu nziza bahawe. Yagize ati "iyi nzu nyakiriye neza igiye kudufasha gutura ahantu heza kandi hisanzuye. Ubu ngiye kujya nkaraba nse neza, kandi ntekere ahantu heza".

Umuryango wa Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari ukaba waratangaje ko nyuma yo kubona iyi nzu bagiye kuyifata neza kandi ko bafite intego yo gukora cyane bakiteza imbere.



Umuyobozi Mukuru w'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye akorera mu Rwanda, Fode Ndiaye, n'Umuyobozi Mukuru wa RDRC Madamu Nyirahabineza Valerie bashyikiriza ku mugaragaro umuryango wa Rtd. Sergeant Ndagijimana Baritazari inzu nziza bubakiwe

# ISHIMWE RYA MUKANDORI EMERENCE KU BUFASHA YAHAWE NA RDRC

Mukandori Emerance utuye mu Karere ka Nyamagabe, Intara y'Amajyepfo ni umugore wa Rtd. Sergeant Byukusenge Noheri w'imyaka 41, ugaragaza ibyishimo yatewe no kugaruka mu gihugu cyamubyaye mu mwaka wa 2018, akakirwa neza na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC).

Mu buhamya atanga, uyu mugore avuga ko we n'umuryango we bagiye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo mu mwaka wa 1994, maze batangira kubaho mu buzima bubi cyane iyo mu mashyamba, kugeza bagarutse mu Rwanda.

Muri Congo, Emerance avuga ko nta cyizere cy'ubuzima bwiza bari bafite, kandi ko by'umwihariko we nk'umudamu yahoraga yibaza uko abana be barindwi bazabaho bikamuyobera.

Yagize ati:"Tukiri mu mashyamba nahoraga mpangayitse, ariko nyuma nza gufata umwanzuro wo gusaba umuryango wanjye gutaha, gusa ntibyari byoroshye kuko hariya twabwirwaga ibihuha byinshi ko mu Rwanda nta mahoro ahari, kandi uhageze wese atashye afatwa agafungwa".

Mukandori avuga ko ariko ibyo yatekerezaga byaje guhinduka ageze mu maboko ya RDRC, kuko akinjira mu Rwanda yakiriwe neza nk'umwana utashye iwabo, atangira ubuzima bushya gutyo. Yagize ati: "Ngeze mu gihugu cyacu nakiriwe neza cyane, mfatwa neza na RDRC, abana banjye bahabwa ibyo bari bakeneye byose birimo imyambaro, ibiribwa n'ibikoresho by'isuku, numva mbese nongeye kwiyumvamo igihugu cyanjye".

Yakomeje avuga ko umugabo we Rtd. Sergeant Byukusenge Noheri yahise ajyanwa mu mahugurwa mu kigo cya RDRC kiri i Mutobo, maze we ajyanwa mu mahugurwa i Nyarushishi, aho yigishijwe amasomo atandukanye arimo gahunda nziza za Leta nk'iy'Ubumwe n'ubwiyunge, iya Ndi Umunyarwanda n'izindi.



Ubworozi bw'ingurube ni kimwe mu byazamuye iterambere ry'abagenerwabikorwa ba RDRC




Mukandori Emerance avuga ko umwuga w'ubudozi arangije kwiga ugiye kumufasha kwihuta mu iterambere

Si ibyo gusa, kuko aho i Nyarushishi banigishijwe amasomo yo kwiteza imbere no kwihangira imirimo. Aya masomo yose bahawe niyo yamufashije gusubira mu muryango nyarwanda abasha kubana neza nabo yahasanze, ndetse anatangira gushyira mu bikorwa ibyo bize, urugendo rw'iterambere arutangira atyo.

Mu byo ashimira RDRC harimo inkunga yagenewe abagore b'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro ingana n'amafaranga 100,000 frw, yamufashije gutangira ubworozi bw'ihene n'ingurube, ubu akaba afite ihene 4 n'ingurube 3.

Yagize ati:"Hejuru y'ibyo byose nakubwira ko twaje tugasanga twarasigaye inyuma cyane haba mu iterambere, ndetse n'abana barasigaye inyuma mu myigire. Ariko ndashima ko aho nahagereye babashije kujya mu mashuri bariga, ubu bageze ahashimishije, bamenye gusoma no kwandika, kandi mbasha no kubarihira ubwisungane mu kwivuza. Ibi ndabishimira cyane igihugu cyacu cy'u Rwanda kuko kita ku Banyarwanda bari baraheze ishyanga. Ndashima by'umwihariko RDRC ibasha kutuba hafi mu buzima bwacu bwa buri munsi".

Si ibyo gusa, kuko kugeza ubu we n'umuryango we babashije kwiyubakira inzu yo guturamo bahereye ku nkunga RDRC yahaye umugabo we ingana na n'ibihumbi magana atatu (300,000 frw).

Yagize ati :"Ndashimira RDRC yabashije kudufasha, bamwe ntitwagiraga aho kuba ariko ubu twarubatse dufite amazu tubamo n'imiryango yacu. Ubu dufite ibyo kurya tubikesha RDRC, mbese tubayeho neza muri rusange."

Mukandori Emerance agaragaza kandi ko yaje kugira amahirwe adasanzwe arihirwa ishuri ry'imyuga na RDRC, aho kugeza ubu arangije kwiga ubudozi. Yagize ati:"ubu ndangije kwiga ubudozi kandi namenye kudoda imyenda itandukanye, yaba iy'abagore, abana ndetse n'abagabo. Igisigaye rero ni ukujya iwacu ngatangira gushyira mu bikorwa ibyo nize maze nanjye nihute mu iterambere".

Yagaragaje kandi ibyishimo yatewe no guhabwa imashini idoda na RDRC maze yiyemeza kuzayibyaza umusaruro, kugira ngo nayo izakomeze kumufasha kuzamura imibereho ye, n'iy'umuryango we muri rusange.

Mukandori Emerance yagize n'ubutumwa agenera Abanyarwanda basigaye mu mashyamba ya Congo bubashishikariza gutaha bakaza kubaka igihugu cyabo. Asaba by'umwihariko abagore bagenzi be gucyura abana kugira ngo baze mu mashuri, maze bategure hakiri kare ubuzima bwabo bw'ejo hazaza.

# ABANA BAFASHWA NA RDRC BITEGUYE KUGERA KU NZOZI ZABO

Abagenerwabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC), by'umwihariko abana bahoze mu mitwe yitwaje intwaro, n'abana bakomoka ku babyeyi bahoze mu gisirikare, baratangaza ko nyuma yo gushyirwa mu mashuri bakiga imyuga itandukanye, bafite icyizere cy'ubuzima bwiza bwabo bw'ejo hazaza.



Niyizurugero Germaine avuga ko nyuma yo kwiga ubudozi afite icyizere cy'imibereho ye myiza y'ejo hazaza

Aba bana bagaragaza ko mu gihe gito bamaze mu Rwanda bamaze kunguka byinshi birimo kuba mu muryango nyarwanda ubakunda, gusubizwa mu mashuri, yaba asanzwe cyangwa se ay'imyuga, ndetse no kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu cyabo.

Niyizurugero Germaine ubu ufite imyaka 21 utuye mu Karere ka Gisagara, Umurenge wa Kigembe, avuga ko yavukiye muri Congo mu buzima bugoye cyane, ku buryo atabashije kubona amahirwe yo kwiga nk'abandi bana.

Uyu mwana avuga ko kimwe mu byatumaga badataha harimo ibihuha bagendaga babwirwa n'abantu bakuru biganjemo abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batinya gutaha kubera ibyaha bakoze, bityo bagashakisha amayeri yose yatuma n'abandi Banyarwanda baguma mu mashyamba ya Congo.

Yagize ati "Papa yari umusirikare mu mitwe yitwaje intwaro, twirirwaga iyo twiruka mu mashyamba ya Congo. Ntawabashaga kwiga, ahubwo twiberagaho mu bwoba no mu bihuha byari bigamije kutwangisha igihugu cyacu".



Nyuma yo kwiga ubukanishi Mutabazi Sylvain afite intego yo kuzagera ku cyifuzo cye cyo kwiyubakira inzu yo kubamo

Niyizurugero Germaine avuga ko akigera mu Rwanda, we n'ababyeyi be, bakiriwe neza na RDRC ibaha ibyo bakeneye byose birimo ibiribwa imyambaro, ibikoresho byo mu rugo n'izindi nkunga zitandukanye zabafashije gutangira ubuzima busanzwe.

Uyu mwana agaragaza ko nubwo yasanze yarasigaye inyuma,afite intego yo gukora cyane akiteza imbere, bityo akazagera ku nzozi ze zo guteza imbere umuryango we n'igihugu muri rusange.

Aha kandi Niyizurugero Germaine agaragaza ko azabigeraho nta kabuza kuko yagize amahirwe atoranywa mu bana bigishijwe imyuga na RDRC, ndetse anahabwa imashini idoda, akaba yiteguye kuyibyaza umusaruro, bityo nawe agatangira urugendo rw'iterambere gutyo.

Yagize ati "nasanze narasigaye inyuma. Nageze mu Rwanda nsanga abana tungana barangije amashuri yisumbuye, ariko ndashimira RDRC ko yanyigishije umwuga w'ubudozi, none banampaye imashini idoda. Mfite icyizere cy'ejo heza hanjye ku bw'uyu mwuga ngiye gutangira gukora".

Niyizurugero Germaine yagaragaje ko kugeza ubu azi kudoda imyenda itandukanye yaba iy'abana, abagabo ndetse n'iy'abagore kandi ko nta kibazo cyo kubona ibiraka azagira kuko aho batuye hari amasoko atandukanye n'ibigo by'amashuri bikeneye abadozi.

Yagize ati: "ahubwo abaturanyi banjye nabo bazabyungukiramo, bajyaga bajya kudodesha imyenda kure y'aho batuye, none ubu bazajya bampa ibiraka mbadodere batagombye gukora ingendo ndende bajya gushaka abadozi".

Nsengiyumva Jean de Dieu w'imyaka 22 ni umwe mu bana bahoze mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo winjijwe mu gisirikare mu mwaka wa 2013 afite imyaka 14.

Agaragaza ko yari abayeho nabi mu mashyamba ya Congo, kuko atabashaga kwiga cyangwa se kugira ikindi yakora cyamuteza imbere. Yagize ati: "Mu mashyamba ya Congo nta mwana wari ufite imibereho myiza, ntitwabashaga kwiga ngo twiteze imbere, mbese nta cyizere cy'ejo hazaza heza twari dufite".

Nsengiyumva urangije kwiga umwuga w'ubukanishi muri Don Bosco Nyamagabe TVET School ku nkunga



Aba ni bamwe mu bana bize gusudira muri IPRC Huye biteguye gushyira mu bikorwa umwuga bize

ya RDRC, avuga ko amahirwe yagize yo kwiga umwuga azamufasha kugera ku nzozi ze zo kwiteza imbere agatunga umuryango we utuye mu Kagari ka Bugarura, Umurenge wa Kibirizi, Akarere ka Nyamagabe.

Yagize ati : "Ndashimira cyane umubyeyi wacu RDRC ko yabashije kudutekerezaho akaturihira amashuri. Ubu turayarangije twiteguye kugenda natwe tugatangira gushyira mu bikorwa ibyo twize cyane ko twanahawe n'ibikoresho by'ibanze bizadufasha kwihangira umurimo".

Mutabazi Sylvain w'imyaka 20 nawe arangije umwuga mu ishuri rya Don Bosco Nyamagabe TVET School, umuryango we utuye mu Murenge wa Kamegeri, Akarere ka Nyamagabe, akaba yarize umwuga w'ubukanishi ahagarariye umubyeyi we wahoze muri FDLR ubu akaba abana n'ubumuga bwatewe n'ibikomere yagize ku rugamba.

Avuga ko we n'ababyeyi be bavuye muri Congo 2018 mu cyiciro cya 65 bavuye ahitwa Kanyabayonga bageze mu Rwanda bakirwa neza na RDRC ndetse inabaha ibikenewe byose byabafashije kongera gutangira ubuzima bwiza.

Yakomeje avuga ko afite intego yo kubyaza umusaruro amahirwe yahawe na RDRC yo kwiga umwuga w'ubukanishi, kandi ko agiye gukora ashyizeho umwete kugira ngo azabashe gutunga umuryango we, no kuzagera ku cyifuzo cye cyo kwiyubakira inzu yo kubamo.

Yagize ati :"Nkiri mu mashyamba ya Congo nta cyizere cy'ubuzima nari mfite, cyane ko ntabashaga kugana ishuri nk'abandi bana. Nubwo nageze mu Rwanda ngasanga abana tungana baransize, ariko nibura nabashije kugira amahirwe yo kwiga uyu mwuga. Mu by'ukuri rero nahise ntangira gutekereza ku buzima bwanjye bw'ejo hazaza, ndetse ntangira no gukorera ku mihigo nk'uko nasanze abandi Banyarwanda babigenza".

Mutabazi Sylvain avuga ko amasomo yahawe na RDRC agenda amufasha mu buzima bwe bwa buri munsi, ndetse ko yanatangiye gushakisha amafaranga akora ibiraka ahantu hatandukanye, kandi udufaranga abonye akabasha kutuzigama.



Abana b'abakobwa biga ubudozi muri Nyamagabe TVET School bavuga ko uzabafasha kwiteza imbere

Yagize ati:"mu byo twatojwe na RDRC harimo kwizigamira. Nkanjye iyo nkoreye amafaranga mfata ayo nkeneye nkayakoresha, andi nkayazigama, yamara kugwira nkaguramo agatungo kagufi, gutyo gutyo. Murumva rero ko natangiye urugendo rw'iterambere".

Muri rusange, aba bana kandi bavuga ko mu mashuri bashyizwemo batize imyuga gusa, ko ahubwo banahigiye kunoza imibanire n'abandi, ubumwe n'ubwiyunge, ndetse banahabwa n'andi masomo azabafasha mu buzima bwabo buri imbere.

Niyizurugero Germaine yagize ati: "Mu by'ukuri usibye umwuga w'ubudozi nize, nanagize umwanya wo guhura n'abandi bana duhuje ibibazo baturutse hirya no hino mu gihugu. Twagize umwanya wo kungurana ibitekerezo, bituma turushaho gusobanukirwa amateka igihugu cyacu cyanyuzemo, maze dufata ingamba zo kugikorera cyane ko ari twe mbaraga zacyo z'ejo hazaza.".

Aba bana kandi banagaragaza ko biyemeje gutanga umusanzu wabo mu kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside kuko ariyo yoretse igihugu, kandi ko bagiye kwegera ababyeyi babo bagifite imyumvire mibi, kugira ngo babasobanurire gahunda nziza za Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda bityo nabo bahinduke abaturage beza babereye igihugu cyabo.

Mu gusoza aba bana batanze ubutumwa butandukanye bugamije gukangurira abakiri mu mashyamba ya Congo gutaha mu gihugu cyabo, by'umwihariko abana, dore ko akenshi ari nabo usanga bagirwaho ingaruka mbi ziterwa n'umutekano muke, zirimo gufatwa ku ngufu, gukoreshwa imirimo ivunanye, kubuzwa uburenganzira bwo kwiga, ubukene, ubupfubyi, n'izindi.



**Abayobozi n'abafatanyabikorwa ba RDRC bashimiye abanyeshuri 246 barangije kwiga imyuga**




**Abasoje amasomo yabo biyemeje kubyaza umusaruro imyuga bize**


**ADDRESS**

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu
Buzima Busanzwe abari Abasirikare **(RDRC)**

P.O. Box: 7277 Kigali, Rwanda
**Email:** demob@rdrc.org.rw/demobrwanda@yahoo.com
**Tel:** +250 587159/ **Fax:** +250 587160
**Website:** www.demobrwanda.gov.rw